Wakora iki niba wumva hari abivanga mu buzima bwawe?



1 IGIHE UBA WUMVA USHAKA KUBA WENYINE

INKURU Y'IBYABAYE

"Hari igihe mba numva nshaka kuba jyenyine, nibereye mu tuntu twanjye. Ariko bakuru banjye baba bashaka kumfata nk'umwana no kumenya ikintu cyose nkora. Si uko hari icyo mba nshaka kubahisha, ahubwo ni uko mba ntashaka ko bivanga mu bintu byanjye."
—Allison.

Utekereza ko ari iki gituma bakuru ba Allison bamufata nk'umwana?

Ni iki Allison yakora ngo bakuru be bamenye ko akeneye kuba wenyine?

Wakora iki uramutse uri mu mimerere nk'iya Allison?

www.jw.org © 2016 Watch Tower Bible and Tract Society of Pennsylvania

2 ICYUMBA CYAWE

INKURU Y'IBYABAYE

"Iyo umunsi wambereye mubi, mba nifuza kuba jyenyine. Sinahakana ko kugira ababyeyi banyitaho ari byiza; ariko hari igihe bavogera icyumba cyanjye kandi icyo gihe ari bwo mba nkeneye kuba jyenyine."
—Ryan.

Ese utekereza ko ababyeyi ba Ryan baba bamuhangayikiye?

Niba ari ko biri se, ni iki Ryan yakora (cyangwa yakwirinda) kugira ngo ababyeyi be batarushaho guhangayika?

Wishyize mu mwanya wa Ryan, *ni iki wakora* kugira ngo ababyeyi bawe bakugirire icyizere?

www.jw.org © 2016 Watch Tower Bible and Tract Society of Pennsylvania



3 TELEFONI YAWE

INKURU Y'IBYABAYE

"Mfa gushyira telefoni hasi mama akaba arayifashe akansomera mesaje! Hari n'igihe yigeze gufungira umwe mu ncuti zanjye kugira ngo atazajya ampamagara, kubera ko yatekerezaga ko atari incuti nziza."
—Nadine.

Ese utekereza ko mama wa Nadine amuhangayikiye?

Niba ari ko biri se, ni iki Nadine yakora (cyangwa yakwirinda) kugira ngo mama we atarushaho guhangayika?

Wishyize mu mwanya wa Nadine, *ni iki wakora* kugira ngo mama wawe akugirire icyizere?

www.jw.org © 2016 Watch Tower Bible and Tract Society of Pennsylvania